Our Ref: ......................

Your Ref: .....................

Date: 29 JUL 2025

# ITANGAZO

Ubusabe bwo gukurirwaho amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo

Hashingiwe ku ngingo ya 140 y'Itegeko rigenga za gasutamo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ryo mu 2004 (EAC CMA 2004), no kuba inama y'Abaminisitiri bo muri uwo muryango, binyuze mu igazeti ishobora kugena buri gihe ikurwaho ry'amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo (raw materials) bitumijwe mu mahanga bigamije gukoreshwa mu nganda z'imbere mu gihugu,

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, Serivisi za gasutamo, kiramenyesha abanyenganda bose bifuza gusaba gukurirwaho amahoro ya gasutamo mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026 (Ukwakira 2024 – Kamena 2026), ko igihe ntarengwa cyo kohereza ubusabe ari ku wa 30 Kanama 2025. Ubusabe buzoherezwa bunyuze kuri https://drs.eac.int.

Ibisabwa bikurikira bigomba kuba byuzuye kugirango usaba yemererwe gukurirwaho amahoro:

1. Kwandikira Komiseri wa za gasutamo ukoresheje Ifishi R1;
2. Gutanga production formula;
3. Abasaba kongererwa igihe bagomba kwerekana ububiko bw'ibikoreshofatizo bisigaye n'ibicuruzwa bitaragurishwa mu gihe cyo gutanga ubusabe;
4. Gutanga icyemezo cyo kwiyandikisha mu bucuruzi cyatanzwe na RDB;
5. Kuba afite EBM V2 igezweho;
6. Gutanga icyemezo cy' uko nta mwenda w'umusoro barimo (Tax Clearance Certificate);

Icyitonderwa:

- Ubusabe buzoherezwa butashyizweho ibisabwa byose ntibuzahabwa agaciro;
- Usaba agomba kuba nta birarane by'imisoro abereyemo Gasutamo n'abo ubusabe bwabo bwateshejwe agaciro kubera amakosa, ntibemerewe kongera gusaba;
- Ikibazo cyose kirebana n'ubu busabe kigomba gutangwa mu misi 15 mbere y'uko iki gihembwe cya kabiri gitangira.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara serivisi za gasutamo kuri 0788185676.

Murakoze,

RWANDA REVENUE AUTHORITY
RRA
CUSTOMS SUPPORT DIVISION

Gatera Yvonne
Komiseri wungirije wa za Gasutamo